Rwamagana le 14 mars 1958.-

KIBUNGO
5153

- Bimenyeshejwe Bwana Administrateur wa Territoire PETIT
- Bimenyeshejwe Bwana Administrteur Territorial Assistant: MULLER.

---

- Umutware w'Intara SEGIKWIYE.M.-

Bawli

Ku Abatware b'Imisozi bo mu ntara ya Buganza-sud.

Nkulikije amabwiriza ya Bwana Administrateur wa Territoire yatanze muli baruwa ye ya tariki ya 24-12-57, ku byerekeye gutanga ibyate ku mihanda ya B.C. niya Chefferie.

NDABAMENYESHA IBI BIKURIKIRA:

1- Nagenzuye mu bice bya Chefferie byose, nsanga hariho Kms nyinshi zitarimo abakozi nko muli Kms 4 cyangwa 5 simbone umukozi, guhera igihe amategeko yatangiwe.

b) Aho mbona abakozi nabo ntibakora umuhanda neza bakurikije amategeko. ntibafunga imyobo neza, kandi aho ibyatsi biri baharura bahacukura bigatera umuhanda kumera nabi.

c) Ntibazinduka kandi bataha kare cyane, ubwo bikerekana ko bakora igice cy'umunsi.

NGIZO IMPAMVU ZIMWE ZITUMA IMIHANDA YACU ITAMERA NEZA

2- Mbategetse kwitaho cyane kureba yuko abantu bakora muli Kms 2 bahawe mukareba ko baza neza, kandi yuko bakora neza, nko gufunga imyobo, no kudahingano cyane cyane igihe cyo mu mvura. No gutanga ibyate ahasigaye ku mihanda itarimo abakozi.

3- Ndabibutsa yuko s/chef wese ategetswe kugenzura abakozi bo ku muhanda we, kugirango uturwane kandi bo guhembwa amafranaga yubusa.
Ubu rero mutegetswe kubireba cyane kuko nta bakapita benshi bahari.
Kandi mukandikira abo bakozi ukwezi kujya gushira ibikwiranye n'umurimo bakoze, nko kumwandikira iminsi ubanje kureba m yakoze mu cyate cye

4- Ndabibutsa kandi yuko mubuza abantu banyu guhinga hafi y'umuhanda, kuko igitaka kiwica, bajye basiga m 10 hagati y'umuhanda n'umurima.

5- S/chef uzazita kuri ayo mategeko yo gutunganya umuhanda we azabihanirwa kandi abure n'amanota yabiteganyirijwe

Umutware w'Intara ya Buganza-sud

= SEGIKWIYE.M.=

(signature)